# UMUVUNYI MAGAZINE

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa*

Ukwakira - Ukuboza 2015

№ 31

GITANGIRWA UBUNTU

# URWEGO RW'UMUVUNYI RWASESENGUYE AMADOSIYE 2178 MU MWAKA WA 2014-2015



Umuvunyi Mukuru Madamu Cyanzayire Aloysie ageza ku Nteko Ishingamategeko raporo y'Urwego rw'Umuvunyi ya 2014-2015 na gahunda y'ibikorwa 2015-2016

URUTONDE RW'ABAHAMWE N'ICYAHA CYA RUSWA p.16

UKO URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKEMUYE IKIBAZO CYA MANZI p.12

TUMENYE UBUBASHA URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHAWE RWO GUSABA GUSUBIRISHAMO IMANZA ZIGARAGARAMO AKARENGANE p.14




The Ombudsman, Deputies Ombudsman, Permanent Secretary and the staff of the Office of the Ombudsman wish you a Merry Christmas and a Happy New Year.

Let's continue joining hands in the fight against injustice and corruption.

URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN





# Uburyo Bwo Kwirinda Gusiragira Mu Nzego

Imiyoborere myiza ni imwe muri politiki Igihugu cyacu cyubakiyeho. Mu biranga imiyoborere myiza harimo no gukemura ibibazo by'abaturage, buri rwego rw'ubuyobozi mu birureba. Iyo ikibazo cy'umuturage kidakemuwe uko bikwiye cyangwa se kirengagijwe n'umuyobozi ku rwego rwe, bituma umuturage yiyambaza izindi nzego, bityo agahora mu ngendo z'urudaca asaba kurenganurwa. Nyamara hari n'igihe umuturage ubwe yirenganya yisiragiza bitari ngombwa.

Kuva mu mwaka wa 2013, Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ububasha bwo gusesengura imanza rwashyikirijwe, ba nyirazo basaba ko zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane, rwasanga harimo akarengane koko rugasaba Urukiko rw'Ikirenga kuzisubiramo. Ikigaragara ni uko mu manza zimaze gusesengurwa, imanza zingana na 4.7 % ni zo zigaragaramo akarengane, naho izindi 95.3 % nta kagaragaramo.

Abantu bakunze kuvuga ko kwemera gutsindwa ku munyarwanda bigoye, ku buryo akenshi iyo atsinzwe yumva yarenganyijwe, bigatuma atangira gusiragira mu nzego asaba kurenganurwa, rimwe na rimwe akajya no mu nzego zitabifitiye ububasha bitewe no kutabimenya. Iyo rero yanze imyanzuro y'inkiko kandi na we azi neza ko nta kuri afite, bituma asiragira mu nzego kandi ari we nyirabayazana, ndetse bikabyara n'umuco mubi wo kuraga urubyaro imanza.

> **"Gusiragira cyangwa gusiragizwa mu nzego bifite ingaruka mbi ku mibereho y'abanyarwanda kuko bibatwara umwanya munini bagombagaga gukoresha mu mirimo yo kwiteza imbere.**

Hari kandi abaturage basiragira mu nzego bagaragaza ko inzego z'ibanze zabarenganyijwe, bakava mu Mudugudu bakarinda bagera ku Rwego rw'Umuvunyi kandi umwanzuro bagenda bahabwa hose ari umwe ariko ntibanyurwe. Hari n'abava ku Rwego rw'Umuvunyi bakajya kwa Minisitiri w'Intebe cyangwa muri Perezidansi, bavayo bakagaruka ku Rwego.

Bamwe mu baturage na none bahengera ubuyobozi buhindutse bakongera kugarura ibibazo byakemutse kera ariko bajijisha ngo barebe ko baca mu rihumye umuyobozi mushya.

Ibi bifite ingaruka ku mibereho yabo kuko batakaza umwanya bagakoresheje mu kwiteza imbere. Hari ababikora babigambiriye, hakaba n'ababikora kubera ubutamenya. Inama twabagira ku babikora nkana ni uko bagira umuco wo kwemera gutsindwa iyo nta kuri bafite, ariko n'ababikora batabizi bakajya babanza kugisha inama, haba mbere yo kurega, gusaba gusubirishamo urubanza cyangwa kuzamura ikibazo mu nzego zo hejuru. Leta yabegereje abanyamategeko ba MAJ ku Karere kugira ngo bajye babagira izo nama. Nimubagane kandi mukurikize inama babagira kugira ngo mwirinde gusiragira mu nzego.

Mugire amahoro.











**P.3 IJAMBO RY'IBANZE**

**P.4 IBIRIMO**

**P.5 IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI**

P.5 Urwego rw'umuvunyi rwasesenguye amadosiye 2178 mu mwaka wa 2014-2015

P.9 Abasuye urwego rw'umuvunyi

**P.10 TURWANYE AKARENGANYE**

P.10 Abunganira mu mategeko bagiranye ibiganiro n'urwego rw'umuvunyi ku bijyanye no gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane

P.12 Uko Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ikibazo cya Manzi

P.14 Tumenye ububasha Urwego rw'Umuvunyi rwahawe rwo gusaba gusubirishamo imanza zigaragaramo akarengane

**P.16 TURWANYE RUSWA**

P.16 Urutonde rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa

P.16 Igihembwe cya mbere
P.22 Igihembwe cya kabiri

P.36 EAACA calls for government's commitment on corruption

P.38 Rwandan delegation attends the sixth session of the conference of States Parties to the conference at St. Petersburg in Russia

**P.40 URWENYA**


**P.42 IMIYOBORERE MYIZA**





P.42 Abayobozi ntibemerewe kwakira no gutanga impano zifite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda

**P.46 INKURU ISHUSHANYIJE**




**UBWANDITSI**

Nyir'ikinyamakuru
URWEGO RW'UMUVUNYI

Umuyobozi MUKURU
MBARUBUKEYE Xavier
Umunyamabanga Uhoraho

Umwanditsi Mukuru
NZEYIMANA Nadège
Ushinzwe Itangazamakuru

Umwanditsi Mukuru Wungirije
NGILINSHUTI Vedaste




# Urwego rw'umuvunyi rwasesenguye amadosiye 2178 mu mwaka wa 2014-2015



*Umuvunyi Mukuru Madamu Cyanzayire Aloysie ageza ku Nteko Ishingamategeko raporo y'Urwego rw'Umuvunyi ya 2014-2015 na gahunda y'ibikorwa 2015-2016*

Tariki ya 27/10/2015, Urwego rw'Umuvunyi rwagejeje ku Nteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi, raporo y'ibikorwa 2014-2015 na gahunda y'ibikorwa 2015-2016.

Raporo y'ibikorwa y'Urwego rw'Umuvunyi ya 2014-2015, nk'uko byatangajwe n'Umuvunyi Mukuru, Madamu Cyanzayire Aloysie, igaragaza ko Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ibikorwa by'ubukangurambaga, gukurikirana ibibazo by'akarengane, gukumira no kurwanya ruswa, kwimakaza imiyoborere myiza, kwakira no kugenzura inyandiko z'imenyekanishamutungo.

Mu mwaka wa 2014-2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakanguriye abaturage kwirinda ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo muri rusange, runabihugurira abakozi bo mu nzego za Leta, mu bigo n'imiryango bitari ibya Leta kandi rushishikariza abaturage gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye ku karengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo hagamijwe kubaka igihugu gifite iterambere rirambye.

Nk'uko bigaragazwa na raporo, hakiriwe ibibazo by'akarengane 907, muri byo 169 byoherezwa mu zindi nzego naho 531 bifatirwa umwanzuro. Mu bibazo 400 byakiriwe mbere ya 2014-2015 byari bitararangira, 289 byafatiwe umwanzuro naho ibindi 111 byoherezwa mu zindi nzego.

Ibibazo byakiriwe mu mirenge , biri mu byiciro bitandukanye birimo imyenda ba rwiyemezamirimo cyangwa inzego za Leta bibereyemo abaturage, Imanza zaciwe n'inkiko zitarangizwa, kutishimira imikirize y'imanza, ibibazo by'ubutaka, pansiyo ku biteganyirije, ibyiciro by'ubudehe n'isaranganya ry'ubutaka.

Ku bijyanye no gusubirishamo imanza, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo by'imanza 1550. Muri izo manza, 1,082 zarasesenguwe, 82 zasabiwe gusubirwamo naho mu manza 946 Urwego rw'Umuvunyi rusanga nta karengane karimo. Umuvunyi Mukuru akaba yaramenyesheje abagize Inteko Ishinga Amategeko ko kubera ububasha bwo gusubirishamo imanza Urwego rw'Umuvunyi rwahawe hari ababifashe nk'urundi rwego rw'ubujurire bitewe n'uko badashaka kwemera gutsindwa. Umuvunyi Mukuru yatangaje kandi ko habaye ibiganirompaka n'abavoka kuko akenshi ari bo bafasha abaturage gukora imyanzuro bageza ku Rwego rw'Umuvunyi kabone n'iyo babona nta karengane karimo.

Ku bijyanye no gukumira no kurwanya ruswa, hakiriwe amadosiye 74 avugwamo ruswa, 50 afatirwa umwanzuro, andi 24 akaba agikurikiranwa. Mu madosiye 50 yafatiwe umwanzuro, amenshi yagaragayemo imikorere itanoze itera akarengane igatanga n'ibyuho kuri ruswa. Umuvunyi Mukuru akaba yaratangaje ko hari amadosiye 7 yashyikirijwe ubushinjacyaha na Polisi y'Igihugu.

Amwe mu makuru yakorewe

iperereza harimo ajyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta. Hari amasoko yagarawemo kutubahiriza Itegeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta, hasabwa gusubiramo isesengura ry'isoko ryo kugemura ibikoresho muri VTCs zirindwi (7) mu Kigo gishinzwe guteza imbere Ubumenyangiro n'Imyigishirize mu Rwanda (WDA), isoko ryo kwagura ishuri ry'ubumenyangiro rya Rusarabuye (TVET) mu Karere ka Burera n'isoko ryo kubaka " Cyanika Cross Border Market" mu Karere ka Burera.

Hakozwe kandi iperereza ku mushinga wo kubyaza nyiramugengeri ingufu z'amashanyarazi. Iri perereza ryagaragaje ibibazo bijyanye no kudindira k'umushinga w'amasezerano yo kubaka uruganda yagombaga kurangira ku wa 30 Ukwakira 2014. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze kandi inyigo itarakozwe neza, hari ubuke bwa nyiramugengeri no kutaramba k'umushinga ndetse no kwiyongera kw'igiciro cy'umushinga bikaba byatera Leta igihombo.

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere myiza no gusuzuma imikorere ishobora gutanga ibyuho bya ruswa, hakozwe isuzumamikorere ry'inzego, imishinga na gahunda bya Leta, hanakurikiranwa iyubahirizwa ry'amahame agenga imyitwarire y'abayobozi.

Urwego rw'Umuvunyi rwakoreye isuzuma mikorere SPIU Minisante, Serivisi za Gasutamo na Serivisi z'ubutaka. Hagenzuwe imishinga ya One dollar campaign na Bye Bye Nyakatsi Diaspora, imishinga ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi na gahunda y'amafumbire.

Nk'uko raporo ibigaragaza, hari ibibazo by'ingenzi byagaragaye muri imwe mu mishinga na gahunda byagenzuwe, nko mu mushinga wa "Bye Bye Nyakatsi Diaspora", ntihamenyekanye umubare nyakuri w'amafaranga yinjijwe, ayamenyekanye akaba ari 81.157.734 frw, 89% (72.346.973) yakoreshejwe mu kwishyura ibijyanye n'imurikagurisha ariko hakaba hatarabonetse impapuro zisobanura uburyo yakoreshejwe. Ikindi cyagaragaye ni uko amazu yagombaga kubakirwa abatishoboye yari 504 nyamara hubatswe amazu 9 gusa, na yo akaba atarashoboye kuzura kubera kubura amafaranga ahagije.


Ku bijyanye n'iyubahiriza ry'amahame agenga imyitwarire y'abayobozi, hari ahagaragaye



Abagize biro y'Inteko Ishingamategeko, Umuvunyi Mukuru n'abamwungirije.







Abagize Inteko Ishingamategeko bakurikirana raporo y'Urwego rw'Umuvunyi.

itangwa ry'ubutaka bwa Leta ku buntu, kubangikanya imirimo mu buryo bunyuranyije n'itegeko rigenga imyitwarire y'abayobozi, by'umwihariko kuba mu buyobozi bw'imiryango itari iya Leta.

Raporo y'Urwego rw'Umuvunyi igaragaza ko mu mwaka wa 2014-2015, abatarakoze imenyakinishamutungo ari 28 bangana 0.3%, abarikoze bakaba ari 9.537 bangana na 99.7%.

Ku bijyanye no kugenzura no gukora iperereza ku mitungo itaramenyekanishijwe, hagenzuwe amadosiye y'abantu 1.571. Abantu 9 ntibashoboye gusobanura inkomoko y'umutungo wabo, bakaba bagikorwaho iperereza ryimbitse.

Hakurikiranywe kandi amakuru arebana n'igwizamutungo ritemewe, amadosiye abiri ashyikirizwa ubushinjacyaha.

Nyuma yo kugeza raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi by'umwaka wa 2014-2015 na gahunda y'ibikorwa ya 2015-2016, abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi babajije ibibazo bitandukanye bigamije kurushaho gusobanukirwa ibiyikubiyemo. Umuvunyi Mukuru amaze gusubiza ibyo bibazo, abagize Inteko Ishinga Amategeko bemeye Raporo y'Urwego rw'Umuvunyi.

*Byanditswe na*
***Nzeyimana Nadège***

Tariki ya 22 na 23 Nzeri 2015, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo by'akarengane mu mirenge 13 igize Akarere ka Rutsiro mu rwego rwo kwakira ibibazo by'akarengane, gusobanurira abaturage inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi mu gukumira no kurwanya akarengane na ruswa ndetse no kubakangurira kugira uruhare mu gukumira ruswa n'akarengane.





Guhera tariki ya 9 kugera tariki ya 11 Nzeri 2015, Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye abahagarariye inzego zitandukanye mu Turere 30 tugize u Rwanda.

Amahugurwa yari agamije guhugura ku ngaruka za ruswa, ibyuho bya ruswa, uburyo abahugurwa bagira uruhare mu kurwanya ruswa bayirinda muri serivisi zitandakunya bakoramo.



IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

# Abasuye Urwego rw'Umuvunyi







*Itsinda ryaturutse muri Gihugu cya Gambia riyobowe na Minisitiri w'Ubutabera ryasuye Urwego rw'Umuvunyi.*

*Itsinda ryaturutse mu kigo gishinzwe amasoko ya leta mu Gihugu cya Lesotho ryasuye Urwego rw'Umuvunyi.*







Byanditswe na
**Nzeyimana Nadège**

# Abunganira mu mategeko bagiranye ibiganiro n'urwego rw'umuvunyi ku bijyanye no gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.



*Abunganira mu mategeko bakurikirna ibiganiro*

Ku itariki ya 30/09/2015, kuri NOBLEZA Hotel, habaye ibiganiro mpaka ku ruhare rw'abavoka mu kurwanya ruswa no gufasha abaturage gusobanukirwa n'inshingano yo gusaba gusubirishamo imanza ku mpamvu z'akarengane.
Icyo kiganiro cyateguwe n'Urwego rw'umuvunyi kitabirwa n'abavoka, intumwa ya Minisiteri y'Ubutabera, Urugaga rw'Abavoka Ubushinjacyaha Bukuru na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe ivugururwa ry'amategeko
Umuvunyi Wungirije, Hon. Kanzayire Bernadette atangiza ikiganiro yavuze ko kigamije kuba umuyoboro wo gutanga ibitekerezo ku buryo bwo gutanga ubutabera bwuzuye kandi hagafatwa ingamba zo gufasha mu kugabanya umubare w'amadosiye menshi yinjira ku Rwego rw'Umuvunyi kubera ko hari ibibazo byakirwa kandi bitari bikwiye, rimwe na rimwe ugasanga byakozwe n'Abavoka.Umuvunyi Wungirije yakomeje avuga ko bigamije kandi gukangurira Abavoka gufasha Urwego rw'Umuvunyi kurwanya ruswa n'akarengane kuko ari abafasha b'ubutabera (auxilliaires de la justice).

Ikiganiro cya mbere cyatanzwe n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Gusubirishamo Imanza ku Mpamvu z'Akarengane, Madamu NYIRANZEYIMANA Virginie. Muri icyo kiganiro, Madamu NYIRANZEYIMANA Virginie yagaragaje ko Urwego rw'Umuvunyi kuva mu 2012 kugeza muri Kanama 2015, rwakiriye amadosiye 4492 asaba gusubirshamo imanza. Kuri ayo madosiye, yasobanuye ko ayagaragaye ko nta karengane karimo ari 2975 , ayagaragayemo akarengane ari 148, naho atarasuzumwa ari 1369.

Haganiriwe ku ruhare Abavoka bagira mu gutuma iki kibazo cy'ubwinshi bw'amadosiye kibonerwa umuti, harimo gukora dosiye neza hashingiwe ku biteganywa n'amategeko no kugaragariza umuturage ukuri kuri dosiye yifuza gusabira gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Madamu NYIRANZEYIMANA Virginie yakomeje agaragaza ko zimwe mu mpamvu zituma Urwego rw'Umuvunyi rugezwaho amadosiye menshi asaba ko imanza zasubirwamo ari Kuba Urwego rw'Umuvunyi rwarafashwe nk'urwego rw'Ubujurire, kuba hari Abavoka







*Abunganira mu mategeko bakurikirna ibiganiro*

batubahiriza ibihe biteganywa n'ingingo ya 86 y'Itegeko Ngenga bigatuma bohereza dosiye kandi bitari ngombwa ndetse no kuba Itegeko Ngenga ritarateganyije igihe ntarengwa cyo kugeza ibibazo ku Rwego rw'Umuvunyi ku manza zaciwe nyuma y'isohoka ryaryo mu Igazeti ya Leta, bituma umuturage wese igihe ashakiye azana dosiye ye.

Haganiriwe ku ruhare Abavoka bagira mu gutuma iki kibazo cy'ubwinshi bw'amadosiye kibonerwa umuti, harimo gukora dosiye neza hashingiwe ku biteganywa n'amategeko no kugaragariza umuturage ukuri kuri dosiye yifuza gusabira gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.
Ikiganiro cya kabiri cyatanzwe na Bwana NGIRINSHUTI Vedaste, umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi mu Ishami rishinzwe Kurwanya Ruswa. Ikiganiro cyavugaga ku ngingo igira iti" Ruswa n'Uruhare rw'Abavoka mu kuyikumira no kuyirwanya". Yasobanuye ko ruswa ari icyaha kimunga ubukungu n'iterambere ry'igihugu muri rusange, ikaba ari icyaha giteganywa n'Itegeko Ngenga No 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo y'amategeko ahana mu ngingo zayo kuva ku ya 636 kugeza ku ya 648. Yakomeje asobanurira abitabiriye iki kiganiro ko itegeko ridateganya ibihano ku cyaha cya ruswa gusa, ahubwo ko rinahana ibyaha bifitanye isano nayo ari byo kwigwizaho umutungo , ishimishamubiri rishingiye ku gitsina, kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe, isonera ritemewe n'amategeko; ikoreshagitinyiro, itonesha, ikimenyane no kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko.
Yakomeje avuga ko Ruswa ikunze gushyirwa mu byiciro bibiri ari byo ruswa nini na ruswa nto, ariko byose bikagira ingaruka zikomeye ku mibereho y'abantu:

> **"Haganiriwe ku ruhare Abavoka bagira mu gutuma iki kibazo cy'ubwinshi bw'amadosiye kibonerwa umuti, harimo gukora dosiye neza hashingiwe ku biteganywa n'amategeko no kugaragariza umuturage ukuri kuri dosiye yifuza gusabira gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.**

Bwana Ngirinshuti Vedaste yasobanuriye abari bitabiriye ikiganiro ko byuho bya ruswa bigaragara cyane cyane mu mikoranire y'Avoka n'umukiriya we, haba mu gukurikirana dosiye, haba no mu kumuhagararira cyangwa kumwunganira mu rukiko. Nyuma y'ibiganiro n'umwanya w'ibibazo hafashwe imyanzuro.

Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi yasoje ibiganiro mpaka ashimira abitabiriye ubutumire kubera umusanzu w'ibitekerezo byiza kandi byubaka batanze, anakomeza gushimangira ubufatanye bw'inzego mu guharanira ubutabera butarangwa na ruswa n'akarengane.



Byanditswe na
**Mukanyamibwa Confiance**

# Uko Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ikibazo cya Manzi

Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ikibazo cya MUKAMANA uhagarariye umwana we asaba ko yarenganurwa uwo mwana agahabwa imitungo yasizwe n'umugabo babyaranye.

## UKO IKIBAZO CYATANGIYE

MUKAMANA yabyaranye na Kayitare umwana witwa MANZI ari nawe ahagarariye, nyuma KAYITARE yaje gupfa mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ariko hasigara abana be babiri MANZI na KAMANZI ariko bavuka ku bagore batandukanye.

KAYITARE yari afite imitungo iherereye mu Turere dutandukanye ariko yarasigaranwe n'abo mu muryango we, kubera ko abo bana bari bakiri bato kandi banarererwa mu miryango itandukanye.

MUKAMANA yakurikiranye iyo mitungo kugira ngo ayicungire umwana yabyaranye na KAYITARE ariko abari bayifite ntibayimuha, yiyambaza inkiko asaba ko zakwemeza ko MANZI ari mwene KAYITARE no kugira uburenganzira ku mitungo yasize, n'ubwo yari yahawe ubwo burenganzira n'inkiko ntiyashoboye guhabwa iyo mitungo.

MUKAMANA yahisemo kwiyambaza inzego zitandukanye harimo na Komisiyo yo Kurwanya Jenoside kugira ngo zimufashe iyo mitungo ihabwe umwana we nabyo birananirana.

Komisiyo Ishinzwe Kurwanya Jenoside yandikiye Urwego rw'Umuvunyi isaba gukurikirana icyo kibazo nk'Urwego rwari rukuriye itsinda ryari rishinzwe gukemura ibibazo by'imitungo y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi ryashyizweho na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe.



## UKO IKIBAZO CYAKURIKIRANWE

Urwego rw'Umuvunyi rushingiye ku Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5 ivuga ko :

"Mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo, Urwego rugendera ku mahame akurikira:

1. gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane;
2. guharanira kunga, kumvikanisha, kugira inama no kugarura mu nzira nziza ibigoramye mbere yo gukoresha ubundi bubasha ruhabwa n'amategeko";

Urwego rw'Umuvunyi rwahamagaje uhagarariye umuryango wa KAYITARE (umuvandimwe we badahuje nyina) ari nawe wari ufite iyo mitungo, maze asobanurira Urwego rw'Umuvunyi ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yagerageje kugenda atarura imitungo no gukurikirana iyari yarangijwe mu gihe cya Jenoside, yongeyeho kandi ko n'umuryango wabo utigeze ugabana imitungo yasizwe n'umubyeyi wabo wari warashatse abagore benshi.

Umukuru w'umuryango yasabye ko yahabwa igihe cyo kurangiza igikorwa yatangiye cyo kubarura imitungo yatangiye gukora yifashishije abanyamategeko kugira ngo mu gihe cyo kugabana hazarebwe icyo amategeko ateganya.

Urwego rw'Umuvunyi rufatanyije na Komisiyo yo Kurwanya Jenoside rwongeye gutumiza inama y'abagize umuryango bose kugira ngo hakemurwe ikibazo rwagejejweho na MUKAMANA uhagarariye umwana we.

Uhagarariye umuryango yatangiye, asobanurira abari mu nama ko ibarura ryakozwe ku mutungo wasizwe n'umubyeyi wabo n'uburyo yagiye ayigaruza nyuma yo gushaka ibyemezo bimuha uburenganzira no kuyiburana mu nkiko Gacaca kubera ko imwe yari yarangijwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Abagize umuryango kandi bibukiranyije ko umubyeyi bakomokaho yari yarashatse abagore. Ku bijyanye no kumenya abafite uburenganzira n'icyo itegeko riteganya ku izungura;

Abari mu nama bibukiranyije ko hari imitungo yagiye ishakwa n'abavandimwe babo ku giti cyabo ko itagomba kubarirwa mu mitungo rusange y'umuryango ahubwo ko igomba kuzungurwa n'abana babakomokaho harimo n'imitungo ya KAYITARE yagombaga kuba ifasha abana yasize aribo: MANZI uhagarariwe na nyina MUKAMANA n'uwitwa KAMANZI urererwa kwa sewabo cyane ko abo bana bamaze kugira imyaka y'ubukure.

Uhagarariye umuryango yasobanuye ko imwe mu mitungo ya KAYITARE yari iherereye mu turere dutandukanye, ariko ko imitungo iherereye mu karere kamwe igizwe n'ubutaka yashyizeho ibikorwa naho ubutaka bwari buherereye mu karere Karere ntabuhari kubera ko bwashyizweho ibikorwa rusange na Leta kandi ko amafaranga y'ingurane yabwo angana na miliyoni icumi (10.000.000) yayahawe (uhagarariye umuryango).

Icyakora, abari mu nama bamaze kubona ko iyo mitungo yakurikiranwe n'uhagarariye umuryango akayihererwa n'ingurane ubu ikaba itagihari kandi yaragombaga kuba yarahawe abana ba KAYITARE nk'abazungura be ba hafi, hemejwe ko abo bana bahabwa ubutaka busigaye n'ibikorwa biriho byashyizweho n'uwo muvandimwe wa se nk'ingurane y'umutungo wabo yakoresheje ubu bikaba bibyara inyungu.

MUKAMANA uhagarariye umwe muri abo bana (MANZI) yagaragaje ko hari n'ikibazo cy'ibirarane by'amafaranga y'ishuri yishyurwaga n'uhagarariye umuryango ataratanzwe bikaba byaratumye uwo mwana adahabwa ibyangombwa byose ngo abashe gukomeza amashuri makuru.

Ku bijyanye n'iki kibazo uhagarariye umuryango yemeye guhita yishyura ayo mafaranga hadategerejwe igihe iyo mitungo izashyikirizwa abo bana kuko ngo byari mu nshingano ze kubafasha kwiga. Nk'uko abari mu nama bari basabye ko Urwego rw'Umuvunyi rwabahuza n'abashinzwe ubutaka mu karere iyo mitungo ihereyeyemo kugira ngo ibyangombwa by'ubutaka byari byaranditswe ku mukuru w'Umuryango bihindurwe bihabwe abo bana ba KAYITARE.

Urwego rw'Umuvunyi rwafashije muri icyo gikorwa, ibyangombwa by'ubutaka byandikwa kuri abo bana kandi baranabihabwa.

Abagize umuryango bashimiye Urwego rw'Umuvunyi rwabafashije gukemura ikibazo cyabo cyari kimaze igihe, biyemeza no gushyira mu bikorwa n'indi myanzuro bemeranyijweho yo kugabana imitungo yose y'umuryango yasizwe n'ababyeyi babo.

Urwego rw'Umuvunyi rwashimiye umuryango wemeye gushyikirana no gukemura ibibazo byabo batagiye mu nkiko kandi bakiyemeza kubana mu mahoro.

Urwego kandi rurakangurira imiryango kubaka ubumwe bushingiye ku muco wa kivandimwe aho guhora basiragira mu nzego no mu nkiko.

***NB: Muri iyi nkuru amazina y'abatugejejeho ikibazo yarahinduwe.***



Byanditswe na
**Aristide Mutabaruke**

# Tumenye ububasha urwego rw'umuvunyi rwahawe rwo gusaba gusubirishamo imanza zigaragaramo akarengane

Itegeko Ngenga nº03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ryahaye Urwego rw'Umuvunyi ububasha bwo gusaba gusubirishamo imanza zigaragaramo akarengane. Ingingo ya 79 y'Itegeko Ngenga ryavuzwe haruguru iteganya ko: " Urwego rw'Umuvunyi ni rwo rufite ububasha bwo kuregera Urukiko rw'Ikirenga ibirego byerekeranye no gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma".

Ububasha bwavuzwe haruguru bushimangirwa n'ingingo ya 15 y'itegeko nº76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi iteganya ko: "mu nyungu z' ubutabera, Urwego rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi cyangwa iza gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane.

Iryo suzuma n'isubiramo bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga".

## GUSABA GUSUBIRISHAMO URUBANZA BISABA IKI?

Usaba gusubirishamo urubanza agomba kuba ari umuburanyi mu rubanza kandi hagaragaramo imwe mu mpamvu zitegannywa n'ingingo ya 81 y' Itegeko Ngenga nº03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga ivuga ko: " urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera impamvu zikurikira:

1. iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;
2. iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso bigaragarira buri wese;
3. iyo urubanza rudashobora kurangizwa ukurikije imikirize yarwo.

Icyakora, umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko ntiyemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo zivugwa muri iki cyiciro".

Ku byerekeye irangizarubanza ingingo ya 85 y'Itegeko Ngenga nº03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga iteganya ko; *"gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ntibihagarika irangizarubanza"*.

> "Urwgo rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi cyang-wa iza gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe haki-garagaramo akarengane.







**INGINGO YA 86 Y'ITEGEKO NGENGA RYAVUZWE HARUGURU ITEGANYA KO IMANZA ZACIWE KU RWEGO RWA NYUMA MBERE Y'UKO IRI TEGEKO NGENGA RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA ZISHOBORA GUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE HAKURIKIJWE IBITEGANYWA N'INGINGO YA 81 Y'IRI TEGEKO NGENGA.**

Izo manza ni izi zikurikira:

1. imanza zivugwamo akarengane zaciwe burundu nyuma y'ishyirwaho ry'Urwego rw'Umuvunyi mu mwaka wa 2003 zaba izarangijwe cyangwa izitararangizwa zizashyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) kuva iri Tegeko Ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda;
2. imanza zaciwe n'inkiko zisanzwe, inkiko z'ubucuruzi n'iza Gisirikare ku rwego rwa nyuma zivugwamo akarengane zashyikirijwe inzego zinyuranye, zizashyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) kuva iri Tegeko Ngenga ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca.

Urwego rw'Umuvunyi ruragira inama abarugana ko atari urukiko cyangwa se urundi rwego rw'ubujurire. Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturage bose gukoresha inzira zose z'ubujurire ziteganywa n'amategeko kuko mu gihe batazubahirije ikibazo cyabo nticyakirwa.

# Urutonde rw'abahamwe n'icyaha cya ruswa

Dushingiye ku ngingo ya 4 (10º) y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi; Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano yo gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, n'ibihano bahawe.

Urutonde rukurikira ruragaragaza umwirondoro w'abahamwe n'ibyaha byavuzwe haruguru n'ibihano bahawe mu gihembwe cya mbere n'icya kabiri cy'umwaka wa 2015.

**IGIHEMBWE CYA MBERE**

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RPA076/14/HC/KIG | HASANGINEZA Jean de Dieu, mwene BARIMUCYABO na NYIRABAHIZI, wavutse mu 1985, utuyeKigoje-Rukoma-Cyabingo-Gasabo- Umujyiwa Kigali | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 8.000 | Igifungo cy'umwaka1 n' Ihazabu y'amafaranga 16.000 |
| 2. | RPA 0825/14/HC/KIG | MUNYENGABE Evariste, mwene KALISA Callixtena MUKARURANGWA G, wavutse mu 1984, utuye GasharuII-GasharuI-Kinyinya-Gasabo-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 80.000 | Igifungo cy'umwaka1n'ihazabu y'amafaranga 14.000 |
| 3. | RPA 0063/15 HC/KIG | UWIZEYIMANA Elie, mwene NZARAMBA na NYIRANGENDAHIMANA, wavutse mu 1984, utuye Jabana-Murehe-Nyagasozi-Gasabo-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 4. | RPA 0079/15/HC/KIG | TWAGIRIMANA Fabien,mwene TUGIRIMANA Francois na MUYIZERE Emerthe, wavutsemu 1982, ubarizwa Gasharu- Nyamirambo-Nyarugenge-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 5. | RPA 0080/15/HC/KIG | MAHAME Confiance, mwene NYAKAYITANA na MUKANDAMAGE, wavuts mu 1980, utuye Kayombo-Kora-Kimisagara-Nyarugenge-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'umwaka1 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 6. | RPA 0028/14/HC/MUS | MBARUSHIMANA Samuel, mwene BAHANANA na NYIRABURETERI, utuye Gikeri-Cyabagarura-Musanze-Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | HC MUSANZE | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungocy'umwaka1 n'ihazabuy'amafaranga 20.000 |
| 7. | RPA 0005/15/HC/RSZ | KABERA Christophe, mwene GASASIRA Tharcisse na NYIRAMIHANDA Fauste, ubarizwa Bisanganira-Shagasha- Gihundwe-Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umucuruzi | HC RUSIZI | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungoimyaka 3 n'ihazabu y' amafaranga 30.000 |
| 8. | RPA 0010/15/HC/RSZ | RWAMUCYO Jean, mwene NGABO Théodorena MWAVITA Marie Théophile, utuye Kabagabo-Mubumbano-Kagano- Nyamasheke-Iburengerazuba | Gabo | | HC RUSIZI | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungocy'imyaka3 n'ihazabuy'amafaranga 100.000 |
| 9. | RPA 0011/15/HC/RSZ | KUBWIMANA Emmanuel, mwene HABIYAMBERE Jean na MUKANTAGARA Peruth, Nkomero-Murambi-Cyato- Nyamasheke-Iburengerazuba | Gabo | Umumotari | HC RUSIZI | Gutanga ruswa y'amafaranga 13.500 | Igifungocy'imyaka 3 n'ihazabuy'amafaranga 100.000 |
| 10. | RPA 0097/14/HC/RSZ | MUSHIRABWOBA Charles, mwene GASHAYIJA na MUKABIDELI ubarizwa Kabeza-Kimisagara-Kimisagara-Nyarugenge-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC RUSIZI | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungocy`umwakaumwegisubitswemoamezi 6 mu gihecy`umwaka 1 n`ihazabuy'amafaranga 15.000 |
| 11. | RPA 0088/14/HC/RSZ | HABAWOWE Anastase, mwene NGOGA na KAMPUGU, ubarizwaRutaga-Busaka-Boneza-Rutsiro-Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | HC RUSIZI | Kwakira ruswa y'amafaranga 120.000 | Igifungocy`imyaka 6 gisubitswemoimyaka 5 mu gihecy`imyaka 4 n`ihazabu y'amafaranga 240.000 |

TURWANYE RUSWA

| № | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 12. | RP0029/15/TGI/GSBO | MUNYANEZA Diogène, mwene MUGARURA na BUHINJA, wavutsemu 1967, utuye Gashinge-Kamutara-Rushaki-Gicumbi-Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 13. | RP0032/15/TGI/GSBO | NDAYISHIMIYE Janvier, mwene TWAGIRAYEZU na MUKAMANA, wavutse mu 1991,utuyeKakira -Gatwaro–Rutare-Gicumbi-Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 14. | RP0034/15/TGI/GSBO | GASANGWA Joseph, mwene KaremeranaTumukunde, wavutsemu 1989, utuyeKarunyinya-Ruhango-Gisozi –Gasabo-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 4.000 | Igifungocy'imyaka 5 n'ihazabuy'amafaranga 10.000 |
| 15. | RP 0068/15/TGI/GSBO | NSHIMIYIMANA Zubel, mwene NSENGIYUMVA na MUREKATETE, wavutse mu 1987, utuyeKimisagara-Nyarugenge-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI GASABO | Kwakirarusway'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 5.000 |
| 16. | RP 0023/15/TGI/GSBO | RWIHANDAGAZA Edouard, mwene MAYOBERE na NYIRABAGENZI wavutse mu 1988 i Bugesera, utuyeGasenyi Kintambwe-Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'umwaka1 n'ihazabuy'amafaranga 4.000 |
| 17. | RP0073/15/TGI/GSBO | UWIZEYIMANA Innocent, mwene NGARUKIYE na KANTENGWA, wavutse mu 1985, utuye Musezero-Gisozi-Gasabo-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 7.000 | Igifungo cy'imyaka3 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 18. | RP0075/15/TGI/GSBO | TWAHIRWA Jean Népo, mwene NTUYEHE na NGERINA, wavutse mu 1985, Gitaraga-Rurenge-Mwogo -Bugesera –Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI GASABO | Gutangarusway'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 140.000 |
| 19. | RP0079/15/TGI/GSBO | NUWAHEREZA OSBUT, mwene MBISIGE Mathias na KANGUME Prima, wavutse mu 1990, wavukiye i Bugande, utuye Nyamata-Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI GICUMBI | Gutangaruswa, y'amafaranga 90.000. | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 180.000 |
| 20. | RP0065/15/TGI/NGOMA | NZIGIYE J.Bosco, mwene NSABABERA Sylvetrena KAMPIRE Marguerite,wavutse mu 1959, utuyeGaseke-Nawe-Rubona-Rwamagana-Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI NGOMA | Gutanga rusway'amafaranga 20.000 | Igihano cy'umwaka 1 gisubitse mu gihecy'umwaka 1 |
| 21. | RP0044/15/TGI/NGOMA | BATEGEREZA Ramadhan, mwene RWANYABUKONO naNYANKUBA, wavutse mu 1974, utuyeRemera-Kankobwa-Mpanga-Kirehe-Iburasirazuba | Gabo | Umukuru w' Umudugudu | TGI NGOMA | Kwakira ruswa y'amafaranga 9.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 22. | RP 0031/15/TGI/NYBE | NKOMEJE Félicien, mwene KAYIJAMAHE na MUKARUSAGARA, wavutse mu 1982, utuyeUwinyana- Bugarura- Kibirizi- Nyamagabe-Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI NYMAGABE | Gutangarusway'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 23. | RP 0012/15/TGI/NYBE | SINDABIMENYA Jean de Dieu, mwene BUCYANA na NYIRAMBANZA, wavutse mu 1978, utuyeUwinkingi-Gahira-Uwinkingi-Nyamagabe-Amajyepfo | Gabo | Umurezi | TGI NYMAGABE | Gutangarusway'amafaranga 97.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabuy'amafaranga 388.000 |
| | | BUCYABUTATAInnocent, Mwene GAKWAYA na NYIRANGEDAHIMANA, wavutse mu 1977, utuye Muganza- Gashiha- Kibirizi- Nyamagabe-Amajyepfo | Gabo | Umurezi | TGI NYMAGABE | Gutangarusway'amafaranga 97.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 388.000 |
| 24. | RP 0221/14/TGI/RBV | BUCYAYUNGURA Eric, mwene MWANZI TheonestenaNTAGEZE Esther,utuye Kabaya-Busogo-Musanze-Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI RUBAVU | Gutangarusway'amafaranga 3.500 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 2.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGIT-SINA | UMURI-MO | URUKIKO RWAMU-KATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 25. | RP 0003/15/TGI/ RBV | MVUYEKURE Damascene, mwene NTAMARENGERO na MUTESI, Mizingo - Tetero- Kavumu-Ngororero-Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI RUBAVU | Gutangarusway'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 26. | RP 0002/15/ TGI/RBV | CPL NTEZIYAREMYE Patrick, mwene HABIMANA na ICYIZANYE, utuyeRunyami – Ngera-Nyaruguru-Amajyepfo | Gabo | Umupolisi | TGI RUBAVU | Kwakirarusway'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 27. | RP 0013/15/TGI/ RBV | KAJEMUNDIMWE J.Damascene, Mwene HATEGEKIMANA na NZABAMBARIRWA, utuye Kagano-Kavumu-Ngororero-Iburengerazuba | Gabo | Umumotari | TGI RUBAVU | Gutangarusway'amafaranga 2.000 | Igifungo-cy'imyaka 2 n'ihazabuy'amafaranga 10.000 |
| 28. | RP 0008/45/TGI/ RBV | HAREMIYABANJE Janvier, mwene NDAYAHOZE Tito na KANKINDI, utuye-Gasharu- Gatogotogo-Mbazi- Huye-Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | TGI RUBAVU | Gutangarusway'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 29. | RP 0010/15/TGI/ RBV | NIYITEGEKA Alexis, mwene BAZIRUHAGAZE na NZARITURANDE, utuyeMunyinya-Umuganda- Gisenyi, Rubavu-Iburengerazuba | Gabo | Umumotari | TGI RUBAVU | Gutangarusway'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 30. | RP 0011/15/TGI/ RBV | MUSABYIMANA Phanuel, mwene ZIRIMWABAGABO na KANAKUZE, utuye Mugasha,-Rubona-Nyamyumba-Rubavu-Iburengerazuba | Gabo | Umumotari | TGI RUBAVU | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 31. | RP 0012/15/TG/ RBV | SEBISHANGA Rugamba, mwene SEBISHANGA na MUKABATETSI, utuye Haguruka-Mbugangari-Gisenyi-Rubavu-Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI RUBAVU | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGIT-SINA | UMURI-MO | URUKIKO RWAMU-KATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 32. | RP 0063/15/TGI/ RBV | RUZINDANA Appolinaire, Mwene KAREKEZI naNYIRAREKERAHO,utuye Nyarukarara-Gitwa-Kivumu-Ngororero-Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI RUBAVU | Gutanga ruswa y'amafaranga 13.000 | Igifungo cy'imyaka 6 |
| 33. | RP 0613/14/TB/ Kma | RUTAGANDA Felix, mwene SABAYEZU na MUKABUGORORA, wavutse mu 1978, atuye Gatare- Gatare-Nyamirambo Nyarugenge -Umujyiwa Kigali | Gabo | «Convoyeurtechnicien» | TB KAGARAMA | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'amezi abiri n'ihazabu y' amafaranga 6.000 |
| 34. | RP0610/14/TB/ Kma | NDAYISABA Claude, mwene NSENGIMANA Venantna NYIRAMANA Judith, wavutse mu 1985, avukira Burunga- Kibingo- Ndera- Gasabo-Umujyiwa Kigali | Gabo | Umushoferi | TB KAGARAMA | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 35. | RP 0021/15/TB/ KRH | MOHAMEDI Zuberi Nyundo, mwene ZUBERI NYUNDO na REHEMA Rashid, wavutse mu 1990, avukiraTanga-Tanzania | Gabo | Umushoferi | TB KIREHE | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |

- Abahamwe n'icyaha cyaruswa mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2014-2015 ni abantu 36.
- Bose ukoari 36 bakaba ari igitsina gabo.

***TB: Urukikorw'Ibanze***
***TGI: UrukikoRwisumbuye***
***HC: UrukikoRukiru***

**IGIHEMBWE CYA KABIRI**

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RPA 0092/15/ HC/KIG | MUHIRE Francois, mwene Mihigo John na Dusabimana, wavutse 1984, utuye Remera-Gasabo-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 2. | RPA 0116/15/ HC/KIG | PC NIYONZIMA J.de Dieu, mwene Murengerantwari Jean Damascene na Nyiramiryango Dorothee,wavutse 1989, Nyarutovu, Karenge-Bukure- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 2 |
| | | PC NIZEYIMANA Theoneste, mwene Kwizera Alphonse na Mukandori, wavutse 1990, ubarizwa Ubumwe-Kora-Gitega-Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 2 |
| 3. | RPA 0095/15/ HC/KIG | NIYIBIZI Saidi, mwene Mutabaruka na Nyirabahizi, wavutse 1986, utuye Kabeza-Kibungo-Ngoma-Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 4. | RPA 0195/15/ HC/KIG | BUTOYA Jean, mwene Bapfakurera na Mukantwari, wavutse 1984, utuye Kimisagara-Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 7.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 5. | RPA 0154/15/ HC/KIG | NTACYOBITWAYE Innocent, mwene Murihano na Mukankusi, wavutse 1983, abarizwa Ruyenzi-Runda-Kamonyi-Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 6. | RPA 0819/14/ HC/KIG | IMANANTIRENGANYA Selemani, mwene Gashugi na Mukagashumba, wavutse 1987, utuye Rwampara-Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Yacuruzaga urumogi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 49.000 | Igifungo imyaka 3 n' ihazabu y' amafaranga 98.000 |
| 7. | RPA 0139/15/ HC/KIG | AIP Fred NSANZUMUHIRE, mwene Nsanzabuhoro na Mukarugema, wavutse 1974 utuye Gashora-Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umupolisi | HC KIGALI | Kwakira ruswa y'amafaranga 14.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 28.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 8. | RPA 0084/15/ HC/KIG | MUBILIGI Ismael, mwene Mujuri Enias na Nyirabasare, wavutse 1962, utuye Nyakabanda-Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC KIGALI | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1, amezi 6 asubitswe mu mezi 6 |
| 9. | RPAA 0232/15/ HC/NYA | DUKUZIMANA Jean Baptiste, mwene Ntegeyimbuga Jean na Mujawayezu Donatrie, utuye Ntarabana- Nyamirambo- Rongi- Muhanga-Amajyepfo, Ubarizwa Musezero- Gisozi- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC NYANZA | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n`ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 10. | RPAA 0182/1 5/ HC/NYA | HATEGEKIMANA Abel, mwene Birere Emmanuel na Mukandamage Rosette, utuye Gasaka- Nzega- Gasaka-Nyamagabe- Amajyepfo, ubarizwa Matyazo-Ngoma-Huye-Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | HC NYANZA | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n`ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 11. | RPA 0082/15/ HC/NYA | MUDATINYA Telesphore, mwene Mathieu Bourgeois na Nyirakeshimana Rosalie, utuye Binunga- Makera- Cyeza- Muhanga- Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | HC NYANZA | Gutanga ruswa y'amafaranga 7.000 | Igifungo cy'imyaka 2 |
| 12. | RPA 0187/15/ HC/NYA | NDAYISHIMA Francois, mwene Nizigiyimana Pascal na Kalimunda Jacqueline, utuye Kalisimbi- Kabuga- Rusororo- Gasabo-Umujyi wa Kigali, ubarizwa Nyabisindu- Gitarama-Nyamabuye- Muhanga-Amajyepfo | Gabo | Umwogoshi | HC NYANZA | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 13. | RPA 0075/15/ HC/NYA | BUCUMI Juvenal, mwene Nyanshuti na Nyankana, wavukiye i Mwumba- Ngozi mu Gihugu cy'Uburundi akaba ari naho atuye | Gabo | Umucuruzi w'inkweto | HC NYANZA | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.500 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 14. | RPA 0132/15/ HC/NYA | IRIBAGIZA Clementine, mwene Ndayizigiye na Uwayezu, utuye Kimiyumbo- Nyabinyenga-Cyabakamyi- Nyanza-Amajyepfo | Gore | Umuhinzi | HC Nyanza | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 15. | RPA0096/15/ HC/RWG | NDACYAYISENGA Theneste, mwene Ngayabatema na Byumvuhore, wavutse 1983, utuye Ibuga-Karugera- Kigarama-Kicukiro-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 16. | RPA0152/15/ HC/RWG | NZABONIMPA Faustin, mwene Nizeyimana Augustin na Mukamuhirwa Anathalie, wavutse 1986, utuye Ryabega- Mbale- Karangazi-Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umubaji | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 4.500 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 72.000 |
| 17. | RPA0156/15/ HC/RWG/ RPA0166/15/ HC/RWG | SERUGENDO Alfred, mwene Sebinyenzi Antoine na Nyirarwanga Lucie, wavutse 1979, utuye Kirehe- Kirehe-Kirehe- Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 18. | RPA0162/15/ HC/RWG | NSENGIMANA Celestin, mwene Kayinamura Jean na Mukandoli Evelyne | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa, y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 19. | RPA0142/15/ HC/RWG | RUTEMBESA Alexandre, mwene Habiyakare Augustin na Mukankubana Costasie | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 20. | RPA0124/15/ HC/RWG | HATEGEKIMANA Noel, mwene Ruzindana Joseph na Mukamurigo Verdianna | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 21. | RPA0102/15/ HC/RWG | NIYOMUGABO Jean, Baptiste alias Masunzu, mwene Niyomugabo Andre na Mukasubukiniro, wavutse 1987, atuye Gituza- Gituza-Rukumberi- Ngoma-Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'amezi 6 |
| 22. | RPA0144/15/ HC/RWG | HABIMANA Jean, mwene Gashugi Desire na Mukantabana Perusi, wavutse 1981, utuye Kabagari- Kibaza- Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 22. | RPA0144/15/ HC/RWG | AYOBANGIRA Hamudhoun, mwene Gisagara Hassan na Nyirabahutu Nadine, wavutse 1988, utuye Nyange- Rumuri-Muhura- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 23. | RPA 0072/15/ HC/MUS | SEBISHANGA Rugamba Philbert, mwene Sebishanga na Mukabetsi, utuye Haguruka-Mbugangari- Gisenyi-Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | HC Musanze | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 24. | RPA 0051/15/ HC/RSZ | NSEKAMBABAYE Yousufu, mwene Kayijuka Abdou na Nahimana Mariam, utuye Rugombo- Munyika- Rugombo- Rugombo- Cibitoke-Burundi | Gabo | Umushoferi | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga y'amarundi 5.000 n'amafaranga y'u Rwanda 1.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 5.000 |
| 25. | RPA 0058/15/ HC/RSZ | SAFARI BARUTI, mwene Muderwa Baruti na Simile Fifi, wavukiye Uvira-Murongwe akaba atuye Moba-Kalemie-Katanga-RDC | Gabo | Umuturage usanzwe wa RDC | HC Rusizi | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 26. | RP 0053/15/TGI/ RSZ | MUNYARUBUGA Jérôme, mwene Ahorwendeye na Mukarubayiza, wavutse 1985, utuye Karambo- Gatenga- Kicukiro-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Rusizi | Gutanga ruswa y' Amadorali 50 y'amerika ($50) | Igifungo cy'umwaka 1 gisubitswe mu gihe cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 72.000 ahwanye n'amadorali 100 |
| 27. | RP 0096/15/TGI/ MUS | MUNYABIGWI Bernard, mwene Ndabahariye Philippe na Babonangenda Costasie, wavutse 1985, utuye Kibaya- Kamanyana- Cyanika- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | TGI Musanze | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 28. | RP 0092/15/TGI/ MUS | MUSENGIMANA Innocent, mwene Murindangabo na Mukankusi, wavutse mu 1981, utuye Gashubi-Nyamagumba-Gatsata-Gasabo-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuhinzi | TGI Musanze | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 29. | RP 0084/15/TGI/HYE | UWITONZE Chantal, mwene Ntaganda Bosco na Patricie, wavutse 1988 utuye Ndago- Kabusanza- Simbi- Huye- Amajyepfo | Gore | Umuhinzi | TGI Huye | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.500 | Igifungo cy'umwaka 1 gisubitswe mu myaka 2 n' ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | | KWIZERA Philippe, mwene Uwonkunda Philippe na Mukashyaka Joyeuse, wavutse 1990, utuye Ruhuha- Rusagara- Mbazi- Huye- Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI Huye | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 gisubitswe mu myaka 2 n' ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 30. | RP 0075/15/TGI/HYE | MUKAMINANI Marie, mwene Sekamana Martin na Mukamihigo Immaculée, wavutse 1985, utuye Musenyi- Migina- Muyira- Nyanza- Amajyepfo | Gore | Umuhinzi | TGI Huye | Gutanga ruswa y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 31. | RPA 0037/15/TGI/NYBE | MINANI Jean Nepo, mwene Museruka Habibu na Kankindi Patricie, wavutse 1986, utuye Rutobwe- Rutobwe- Cyahinda- Nyaruguru- Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyamagabe | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 32. | RP 0245/15/TGI/NYGE | UWIRINGIYIMANA Wellars, mwene Musayidire na Mukarushema Thacienne, yavutse 1980, Bienvenu- Mbuye- Ruhango- amajyepfo, utuye Birama- Kimisagara- Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 gisubitswe mu gihe cy'umwaka n' ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 33. | RP 0123/15/TGI/NYGE | HAKIZIMANA Valens, mwene Kayijamahe Juvénal na Kangeri Saverina, wavutse 1994, Rukoronko- Bitaba- Mwogo- Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 10.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 34. | RP 0217/15/TGI/NYGE | NSENGIMANA Emille, mwene Hakizimana Michel na Kabarere Therese, wavutse 1983, Mujyujyu- Muyumbu- Rwamagana – Iburasirazuba. ubarizwa Gasarabwayi- Nyamugari- Mwiri- Kayonza- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 usubitswe mu gihe cy'imyaka 2 n' ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 35. | RPA 0173/15/TGI/NYGE | MBONYINKA Amos, mwene Mikeno na Nyiramariro, wavutse 1976, utuye Makera-Rusumo-Butaro- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.000 | Igifungo cy'amezi 5 |
| 36. | RPA 0147/15/TGI/NYGE | RUKIRUMURAME Xavier, mwene Ntagoyora Frédéric na Nyirabyigero, wavutse 1989, Kagatamu- Gashirabwoba- Nyamasheke- Iburengerazuba, ubarizwa Kabeza- Juru- Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuzunguzayi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 37. | RP 0136/15/TGI/NYGE | NTAKIRUTIMANA Esra, mwene Munyaneza Paul na Nyirabuhiryi, wavutse mu 1975, Gihimbi- Kabirizi-Gisozi- Gasabo- Umujyi wa Kigali, ubarizwa Gasharu- Musezero- Gisozi- Gasabo-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'igice hagasubikwamo umwaka n'amezi atatu mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| | | MUDAHERANWA Théogène, mwene Ngirumpatse Peter na Kankindi Valerie, wavutse mu 1979, avukira Bidudu- Kanzenze- Ntarama- Bugesera-Iburasirazuba, ubarizwa Gatare I- Nyamata- Nyamata- Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka ibiri n'igice hagasubikwamo umwaka n'amezi atatu mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 37. | RP 0136/15/TGI/NYGE | NDOREYAHO Elias, mwene Karuganda Isaacal na Nyirajyambere Vestine,wavutse 1982, avukira Butembo- Butembo- Gihombo- Nyamasheke- Iburengerazuba, ubarizwa Nyakuguma Kagasa- Gahanga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'igice hagasubikwamo umwaka n'amezi atatu mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 38. | RPA 0276/15/TGI/NYGE | NIZEYIMANA Jean Remy, mwene Basomingera Deogratias na Mukanyonga Florence, wavutse 1975 avukira Gatumba- Ngororero- -Iburengerazuba, utuye Marembo- Rwimbogo- Nyarugunga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Leta | TGI Nyarugenge | Kwakira ruswa y'amafaranga 330.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 660.000 |
| 39. | RP 0027/15/TGI/RBV | BYIRINGIRO Nelson, mwene Bishamura na Nyirahimbya, utuye Kivumu- Kivumu- Gisenyi- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 40. | RP189/15/TGI/RBV | MUGABUHAMYE J.Nepo, mwene Ndahabagabo na Karugwiza, ubarizwa Gitaba- Gisiza- Rukoma- Gicumbi | Gabo | Umupolisi | TGI Rubavu | Kwakira ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 140.000 |
| | | HAKIZIMANA J.Claude, utuye Buhumba- Birembo- Kavumu- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 41. | RP 0161/15/TGI/RBV | NYIRINKWAYA Jacques, mwene Rudodo Pierre Claver na Nyirangendahimana, utuye Kalisimbi- Kivumu- Gisenyi- Rubavu | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 41. | RP 0161/15/TGI/RBV | MUDAHERANWA Théogène, mwene Ngirumpatse Peter na Kankindi Valerie, wavutse mu 1979, avukira Bidudu- Kanzenze- Ntarama- Bugesera-Iburasirazuba, ubarizwa Gatare I- Nyamata- Nyamata- Bugesera-Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka ibiri n'igice hagasubikwamo umwaka n'amezi atatu mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| | | NDOREYAHO Elias, mwene Karuganda Isaacal na Nyirajyambere Vestine, wavutse 1982, avukira Butembo- Butembo- Gihombo- Nyamasheke- Iburengerazuba, ubarizwa Nyakuguma Kagasa- Gahanga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'igice hagasubikwamo umwaka n'amezi atatu mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 38. | RPA 0276/15/TGI/NYGE | NIZEYIMANA Jean Remy, mwene Basomingera Deogratias na Mukanyonga Florence, wavutse 1975 avukira Gatumba- Ngororero- -Iburengerazuba, utuye Marembo- Rwimbogo- Nyarugunga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Leta | TGI Nyarugenge | Kwakira ruswa y'amafaranga 330.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n' ihazabu y'amafaranga 660.000 |
| 39. | RP 0027/15/TGI/RBV | BYIRINGIRO Nelson, mwene Bishamura na Nyirahimbya, utuye Kivumu- Kivumu- Gisenyi- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 40. | RP189/15/TGI/RBV | MUGABUHAMYE J.Nepo, mwene Ndahabagabo na Karugwiza, ubarizwa Gitaba- Gisiza- Rukoma- Gicumbi | Gabo | Umupolisi | TGI Rubavu | Kwakira ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 140.000 |
| | | HAKIZIMANA J.Claude, utuye Buhumba- Birembo- Kavumu- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 41. | RP 0161/15/TGI/RBV | NYIRINKWAYA Jacques, mwene Rudodo Pierre Claver na Nyirangendahimana, utuye Kalisimbi- Kivumu-Gisenyi- Rubavu | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 42. | RP 108/15/TGI/RBV | MUPENZI Aimé , mwene Hategekimana na Mukandayambaje, utuye Nyarubande-Mbugangari-Gisenyi-Rubavu-Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 43. | RP 0229/15/TGI/RBV | HATEGEKIMA NA Alexis, mwene Sebatware na Siyapata, utuye Bugasha- Rubona-Nyamyumba-Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 5.000 |
| 44. | RP 0107/15/TGI/RBV | MUTSINDASHYAKA Janvier, mwene Ntamashakiro na Baranyeretse, utuye Mbugangari- Mbugangari-Gisenyi- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Rubavu | Gutanga ruswa y'amafaranga 1.500 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 45. | RP0110/15/TGI/MHG | Nkundineza Clement, mwene Kagaba Gaspard na Nibagwire Béatrice, wavutse 1972, utuye Musenyi-Byimana-Ruhango-Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| | | Dushimerurema Félix, mwene HABARUREMA Philippe na Nyampundu Xaverine, wavutse 1990, utuye Mpushi-Muhanga-Muhanga- Amajyepfo | Gabo | Convoyeur | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'umwaka 1 usubitswe mu gihe cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 46. | RP0139/15/TGI/MHG | NIYOYITA Fabien, mwene Sekabanza na Nyiransabimana, wavutse 1978, ubarizwa Rugalika-Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | | Kayiranga J.Damascène, mwene Kayitakirwa na Mukabaranga, wavutse 982, ubarizwa Kimisagara-Nyarugenge-Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 47. | RP0154/15/TGI/MHG | NIYONGIRA Fulgence, mwene Kaje na Mukamana, wavutse 1985, Nyamushishi-Murundi-Karongi- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 48. | RP0130/15/TGI/NGOMA | MULINDABIGWI Janvier, mwene Kampayana Celestin na Gahongayire, wavutse 1973, utuye Remera -Remera-Kigarama -Kirehe -Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Muhanga | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 49. | RP 0992/15/TGI/NYG | SIBOMANA Vianney, mwene Havugimana Isaie na Nyiransabimana, wavutse 1991 utuye Nyakabanda- Nyakabanda- Niboye- KicukiroUmujyi wa kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 50. | RP 0084/15/TGI/NYG | BURORA Janvier, mwene Sebuhararara Joseph na Mukandanga Marie, wavutse 1986, utuye Nshuri- Rutare-Rwempasha- Nyagatare-Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 35.500 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 335.000 |
| 51. | RP 0111/15/TGI/NYG | SIBOMANA Jean Paul, mwene Kurujyibwami Mathias na Nyiramana Marie, wavutse 1968, utuye Nyarugunga- Kamashashi- Kanombe-Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 4.500 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 52. | RP 0072/15/TGI/NYG | KUBWIMANA Vincent, mwene Rukundo na Dusengeyezu, wavutse 1987, utuye Gisozi-Gisozi- Kanyinya- Gasabo- umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyagatare | Gutanga ruswa y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 53. | RP0100/15/TGI/GSBO | KANAMUGIRE Callixte, mwene Ndabarora na N.Ngirumpatse , wavutse 1982, utuye Ngeruka – Ngeruka-Ngeruka- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 210.000 |

| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 54. | RP0102/15/TGI/GSBO | UBONABASEKA, mwene Mugemangango Joseph na Mukandasumbwa Triphine, wavutse mu 1992, utuye Rebero-Kindama-Ruhuha- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Gasabo | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 55. | RP 0095/15/TGI/GIC | BIZIMANA Aloys, mwene Munyarugendo Denis na Nzamwita Madeleine, wavutse 1955, avukira Murambi-Ruli-Shyogwe-Muhanga-Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | TGI Gicumbi | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 56. | RP 0094/15/TGI/GIC | NDAYAMBAJE Innocent, mwene Ntamuturano na Nyagwahati, wavutse 1964, avukira Marembo- Kanyanza-Karambo- Gakenke-Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Gicumbi | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 57. | RP 0087/15/TGI/GIC | HITIMANA David, mwene Ugirashebuja Donatien na Mukagatana Agathe, wavutse 1965, Rwabagoyi- Mataba-Shangi- Nyamasheke-Iburengerazuba, Kamurera- Ruganda-Kamembe- Rusizi- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Gicumbi | Gutanga ruswa y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 usubitswe mu gihe cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 58. | RP0100/15/TGI/GIC | UWIMANA Lambert, mwene Munyakazi na Nzamugura, wavutse 1988, avukira Rwiri-Gisuna- Byumba-Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | TGI Gicumbi | Gutanga ruswa y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 59. | RP 0111/15/TB/NYRGA | KAGEMANYI François, mwene Kamakoti Laurent na Nyirahabimana, wavutse 1979, ubarizwa Bukinanyana- Bukinanyana- Jenda- Nyabihu- Iburengerazuba | Gabo | Umushoferi | TB Nyarugunga | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'amezi 5 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |





| Nº | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 60. | RP 0113/15/TB/NYRGA | HAGUMAKUBANA Janvier, mwene Safari Jean Marie Vianney na Mukambuguza Emelance, wavutse 1977, avukira Muhondo-Muhondo-Muhondo-Gakenke- Amajyaruguru | Gabo | Convoyeur | TB Nyarugunga | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'amezi 5 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 61. | RP 0157/15/TB/NYRGA | NSABIMANA Viateur, mwene Nsabimana Fidele na Mukagirukwayo Julienne, wavutse 1987, Nkomero- Wimana- Ruharambuga- Nyamasheke- Iburengerazuba, ubarizwa, Kagugu- Kinyinya-Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TB Nyarugunga | Gutanga ruswa y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 62. | RP0076/15/TB/GAH | HAMENYIMANA Felicien, mwene Nzibone na Nyirabatanoga, wavutse 1975, utuye Muhabura-Karangara-Rugarama-Burera –Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | TB Gahunga | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | RP0076/15/TB/GAH | BARANGIRANATheoneste, mwene Ntamukunzi na N.Mbonigaba, wavutse 1982, utuye Gasiza-Karangara-Rugarama-Burera-Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | TB Gahunga | Gutanga ruswa y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 63. | RPA 0651/13/HC/KIG | NDAGIJIMANA Jean-Pierre, mwene Kanyarurembo Aminadabu na Nyirangendahimana Claudine,wavutse 1974, Ruharambuga- Nyamasheke- Iburengerazuba, ubarizwa Ninzi- Ninzi- Kagano-Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | HC Kigali | Gutanga ruswa y'amafaranga 800.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 1.600.000 |

- Abahamwe n'icyaha cya ruswa mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2014-2015 ni abantu 72.
- Muri abo bahamwe n'icyaha, 69 bakaba ari igitsina gabo naho 3 ari igitsina gore.

Ibisobanuro:
***TB: Urukiko rw'Ibanze***
***TGI: Urukiko Rwisumbuye***
***HC: Urukiko Rukuru´***

Icyumweru cyahariwe kurwanya

# RUSWA

29/11/2015 - 09/12/2015

"Sigasira iterambere ry'Igihugu cyawe wamagana ruswa"

29/11/2015 - 09/12/2015

Icyumweru cyahariwe kurwanya

# RUSWA

"Sigasira iterambere ry'Igihugu cyawe wamagana ruswa"

## GAHUNDA Y'ICYUMWERU CYAHARIWE KURWANYA RUSWA

| ITARIKI | IGIKORWA GITEGANYUWE |
|---|---|
| Ku cyumweru tariki ya 29/11/2015 | Icyumweru kizatangizwa n'ikiganiro ku maradiyo yigenga guhera saa yine kugera saa sita za mu gitondo, ikiganiro kizabera muri studio za radiyo 10 kinyura no ku yandi maradiyo yigenga. Insanganyamatsiko ***"Uruhare rw'umuturage mu gukumira ruswa muri gahunda za Leta zigamije iterambere"*** Ikiganiro kizatangwa n'Umuvunyi Mukuru, uhagarariye Polisi y'igihugu n'Uhagarariye Ministeri y'ubutegetsi bw'Igihugu. |
| 01/12/2015 | Ibiganiro mu ntara y'Iburengerazuba bizabera I Karongi |
| 02/12/2015 | Ibiganiro mu ntara y'Amajyepfo bizabera I Nyanza |
| 03/12/2015 | Umunsi w'abikorera wo kurwanya ruswa |
| 04/12/2015 | Ibiganiro mu ntara y'Amajyaruguru bizabera I Musanze |
| 07/12/2015 | Ibiganiro mu ntara y'Iburasirazuba bizabera I Rwamagana |
| 09/122015 | Gusoza icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa hizihizwa umunsi mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa. |

# EAAACA calls for government's commitment on corruption



Constitutional Affairs Minister Gen. Kahinda Otafiire of Uganda and participants.

Heads and Representatives of the East African Association of Anti-Corruption Authority have Held the 9th Annual General Meeting in Entebbe, Uganda whose theme was strengthening EAAACA's Effort to eradicate Corruption in East Africa.

Corruption undermines the rule of law, causes instability, robs the poor and hampers economic development in Eastern African region. Heads and Representatives of the East African Association of Anti-Corruption Authority acknowledge the need for cooperation towards the common objective, goals and best practices of preventing and fighting corruption within the Eastern African region.

The authorities made the appeal at the end of their two-day regional meeting on Wednesday at Imperial Resort Beach Hotel in Entebbe which was closed by the constitutional affairs minister Gen. Kahinda Otafiire.

Otafiire said, "The fight against corruption is important for development. It is not possible to achieve much in development when you are grappling with corruption. In Uganda we have enacted so many laws but corruption is still a big problem. Corruption should be made a more risky venture."

Clement Musangabatware, the deputy ombudsman in charge of preventing and fighting corruption in Rwanda said, "There should be political will from the leaders if corruption is to be successfully fought.








Heads and Representatives of the East African Association of Anti-Corruption Authority.

This should be complemented by strict enforcement of the laws, assets recovery mechanisms and sensitization of citizens to fight corruption. Combating corruption must be a collective responsibility".

The newly elected EAAACA president Dr. Edward Hosea Gamya from Tanzania said, "Corruption begins in elections. If you elect corrupt leaders, you get corruption. The people of East Africa should elect leaders of integrity if they don't want corruption."

Halakhe Waqo, the CEO for the Ethics and Anti-Corruption Commission in Kenya, said, "The solution to corruption is commitment by particular governments and it must be from the top leaders. It should not be empty sloganeering but real commitment and empowerment of state agencies and involving citizens in the war against corruption."

Uganda's IGG Irene Mulyagonja said, "Anti-Corruption authorities need to be strengthened to their work because expectations from them are very high. Uganda is registering progress in the fight against corruption. More people have been prosecuted."

Heads and Representatives of the East African Association of Anti-Corruption Authority have been addressed by RT Hon. Dan KIDEGA, the Speaker of the EAST Africa Legislative Assembly in the opening ceremony who pledged the support to EAAACA in preventing and fighting corruption within the region.

*Source: EAAACA*

# Rwandan delegation attends the sixth session of the conference of States Parties to the conference at St Petersburg in Russia



Deputy Ombudsman Mr Musangabatware Clement and Director of Special Anti Corruption Unit Mr Birasa Fiscal represented Rwanda at the sixth session of the Conference of the States Parties to the United Nations Convention against Corruption which was held at the LenExpo Complex, St. Petersburg, Russian Federation, from 2-6 November 2015 .

Basing on the article 63 of the United Convention against Corruption (UNCAC), a Conference of the States Parties to the Convention has been established to improve the capacity of and cooperation between States Parties, to achieve the objectives set forth in the Convention and to promote and review its implementation.

The Conference serves as an opportunity to facilitate the exchange of information among States Parties on patterns and trends in corruption and on successful practices for preventing and combating it and for the return of proceeds of crime;
Concerning the first session of the Conference held in December 2006, agreed to establish an appropriate and effective mechanism to assist in the review of implementation of the Convention, resolved to have an overview of the review process in order to identify challenges and best practices and to consider technical assistance requirements in order to ensure a real effective implementation of the convention to fight against corruption; analyzing the progress of the implementation of the United Nations Convention Against Corruption (UNCAC) by States parties in its first cycle.
Discussion on the final reports of implementation review from different reviewed and reviewing countries and share the experience in order to come up with preparation of second cycle of review related to prevention and assets recovery which will commence in June 2016.

**Some recommendations taken**

The Conference took ten resolutions related to implementation of the United Convention against Corruption (UNCAC), among them: facilitating

> **“ Several speakers emphasized the importance of undertaking proper corruption risk assessments to identify and manage corruption risks.**

international cooperation in asset recovery and the return of proceeds of crime; continuation of the review of implementation of the United Nations Convention against Corruption:

Promoting the use of information and communication technologies for the implementation of the UNCAC .

In its resolution 1/4, adopted at its first session, the Conference of the States Parties to the United Nations Convention against Corruption established the Working Group on Asset Recovery. The resolution stipulated that the Working Group was to advise and assist the Conference in the implementation of its mandate on the return of proceeds of corruption.

In the same resolution, the Conference established the functions of the Working Group, which include assisting the Conference in developing cumulative knowledge in the area of asset recovery, facilitating the exchange of information, good practices and ideas among States, and building confidence and encouraging cooperation between requesting and requested States.

Several speakers reported on the establishment or strengthening of measures of oversight and accountability, including through asset declaration and audit mechanisms, and other mechanisms to prevent illicit enrichment, money-laundering and corruption in public procurement. Speakers emphasized that measures taken to strengthen public participation and access to information, as well as the protection of whistle-blowers and reporting persons, were critical in that regard. Speakers also noted the connection between efforts to prevent corruption and the provision of mutual legal assistance and promotion of international cooperation.

The role of the private sector in preventing corruption was underlined, including in relation to measures to promote integrity in the private sector and the establishment of standards of corporate governance, audit standards and compliance measures. Several speakers emphasized the importance of undertaking proper corruption risk assessments to identify and manage corruption risks.

The Conference of the States Parties to the United Nations Convention against Corruption, recalling General Assembly resolution 47/202 A of 22 December 1992, on the pattern of conferences, and taking into consideration rule 3, paragraph 2, and rule 6 of its rules of procedure, decides that its seventh session will be held at the seat of the secretariat (Vienna) in 2017.



Umugabo yagiye gusaba umugeni atazi Ikinyarwanda, gusa akaba azi ko agomba gukoresha imigani ya Kinyarwanda isanzwe kuko yari azi ko imigani yose isobanura kimwe, ko bihagije ko haba hari amagambo ari muri iyo migani kandi ahuye n' ayo yakoresheje mw' ijambo avuze.

*Uti:" byagenze bite rero?"*

Nyir' ugusabwa umugeni (umusaza Karekezi) yatanze ikaze asaba umukwe mukuru (umusaza Kanyamibwa) gutambuka agasoma ku nzoga babazaniye ngo amanure akavumbi.

Umusaza Kanyamibwa agiye kuyisomaho aravuga ati: «Murakoze muzehe Karekezi kutwemerera gusoma ku nzoga n'ubundi baca umugani ngo "ushaka urupfu asoma impyisi"» abari aho bose bagwa mu kantu bagira ngo aribeshye!

Hashize akanya imisango iba iratangiye, Umusaza Kanyamibwa ahabwa umwanya ati: " … umusore wacu yabaye aho ashaka mu gihugu hose nyuma aza gushimana n' umukobwa wanyu, burya mu Kinyarwanda baravuga ngo: "Ubuze inda yica umugi", abari aho noneho barumirwa.

Arakomeza ati: "Yambwiye ko yashimanye n' inkumi yanyu kandi murabizi ko mu muco wacu bavuga ngo: "Nta nkumi yigaya", rero yasabye umubano umukobwa wanyu nawe arabyemera adatinze dore ko baca umugani ngo "Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri hafi. None rero nk' uko umukobwa wanyu yiyemereye kubana akaramata n' umuhungu wacu, kandi mu Kinyarwanda bakaba bavuga ngo "Urwishigishiye ararusoma , niyo mpamvu twabazaniye inkwano, kuko ubuze uko agira agwa neza".

Umusaza Karekezi, nk' umusangwa mukuru aba afashe ijambo ati: "Ntituguha umugeni wacu dore umukobwa wacu aracyari umwana kandi ga aracyari mu mashuri ngo yongere n' ubwenge(aha ni kwa kundi abasaza baganira mu misango).

Nuko umusaza Kanyamibwa, mu gusubiza arihanukira ati: "Rwose mugerageze muce inkoni izamba, nibyo koko umukobwa wanyu aracyari umwana burya murabizi baravuga ngo ntukabone ifundi ngo uyite umwana w' inyoni, rwose umuhungu wacu azamurera kuko akuze kandi murabizi burya ngo ubugabo si ubutumbi, hanyuma byo kuba ari n' umunyabwenge rwose ni byiza natwe umuhungu wacu yaraminuje kandi ga baravuga ngo utazi ubwenge ashima ubwe".

None rero musaza Karekezi twiteguye kubaha inkwano amashyo y' inka yose mushaka , dore nawe urakuze ngirango urazi ko "Uhongera umwanzi amara inka".


Uhagarariye umuryango usabwa arumirwa, noneho ibyo gusabwa birahinduka bati: "Nta mugeni wacu tubaha kuko muducira amarenga ko umwana wacu twaba tumuroshye".

Umusaza Kanyamibwa mu gusubiza aciye bugufi nk' utakamba ati "None rwose nimutwemerere tubakwere dore "akatari amagara barahaha".
Umuryango uratsimbarara uti: "Nta mugeni tubaha yemwe ahubwo nimwitahire muri gutinda muzababwire batume undi abe ariwe uza gusaba umugeni".Umusaza Kanyamibwa mu gusubiza ati: "Yego rwose turemeranya burya intumwa n' uwayitumye barangana",

"None rero utakwambuye aragukerereza " Mumpe umugeni rwose. Ariko mumumpa, mutamumpa , Mumenye ngo "Ni Nyagasambu rirarema", mwitwima umugeni rwose mba ndoga Fundi. abari aho bose bataha bazinze umunya.

*Byakusanyijwe na Nzeyimana Nadège*





# "Abayobozi ntibemerewe kwakira no gutanga impano zifite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda" - Kajangana J. Aimé



*Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kugenzura imyitwarire y'abayobozi - Kajangana J. Aimé*

**Q Watangira wibwira abasomyi ba "Umuvunyi Magazine"**

Bwana Kajangana J. Aimé, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kugenzura imyitwarire y'abayobozi

**Q Ese uburyo abayobozi bahabwa impano bakanazitanga biteganywa n'irihe tegeko?**

Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi bakuru rivuga ko abayobozi bakuru babujijwe gutanga impano n'amaturo ayo ari yo yose ariko rigateganya ko habaho Iteka rya Perezida rigena igihe umuyobozi ashobora gutanga no kwakira impano.

**Q Ese umuyobozi ni nde?**

Hashingiwe ku gisobanuro cy'umuyobozi uvugwa mu Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi, usanga umuyobozi uvugwa ari umukozi wa Leta uri ku rwego rw'umuyobozi mukuru hakurikijwe imbonerahamwe y'inzego z'imirimo muri nzego za Leta.

**Q Ese iryo teka rivuga iki ku mpano zihabwa abayobozi?**

Iryo teka rya perezida twavuze haruguru rivuga ko abayobozi batemerewe kwakira no gutanga impano zifite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda.

Iryo teka kandi riteganya ko umuyobozi yemerewe kwakira cyangwa gutanga ku buryo budasanzwe impano cyangwa amaturo mu bihe bikurikira:

1. kurinda isura nziza y'Igihugu;
2. kubahiriza umuco w'Igihugu cy'amahanga;
3. kwitura impano cyangwa ituro;
4. gukumira icyatesha agaciro urwego ruhagarariwe.

**Q Mwadusobanurira icyo kurinda isura nziza y'Igihugu bivuga no kubahiriza umuco w'Igihugu?**

Izi mvugo zakoreshejwe muri iri Teka zisobanura ko umuyobozi ashobora kuba ari mu kazi ahagarariyemo igihugu, bikaba ngombwa ko agira uko yitwara bitewe nuko ashaka kubahiriza umuco w'igihugu yasuye utandukanye n'uw'igihugu cyacu cyangwa se agamije guhesha isura nziza igihugu cyacu ahagararaiye.

Ibi bivuga ko nubwo ihame ari uko umuyobozi adatanga cyangwa ngo yakire impano, ashobora kureba agasanga kudakora ibyo bikorwa bishobora gutanga isura mbi ku gihugu cye cyane cyane nk'igihe hariho igikorwa cyo guhanahana impano ku bayobozi bose bahagarariye ibihugu byabo ku buryo we kutabikora wenyine byagaragara nabi. Ni kimwe no kubahiriza umuco w'igihugu, umuyobozi ashobora kubona ko mu gihugu yasuye iyo baguhaye impano ntuyakire cg se ngo nawe ugire icyo utanga bigaragara nabi mu muco wabo bigatuma agira icyo atanga kandi akakira ibyo ahawe nk'impano.

**Q Ese icyo gihe abisabira uruhushya?**

Nta rundi ruhushya abisabira kuko Iteka ryateganyije ko mu bihe nk'ibyo umuyobozi yemerewe kwakira cyangwa gutanga impano ifite agaciro karenze ako yemerewe mu bihe bisanzwe.

**Q Ni izihe mpano abayobozi bemerewe kugumana zikaba umutungo wabo?**

Iyo impano cyangwa amaturo ari ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye kandi agaciro kabyo kakaba katarenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (Frw 100.000) bigumanwa n'umuyobozi wabihawe.

**Q Ese ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye ni ibiki? mwaduha ingero?**

Ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye bishobora kuba ibyambarwa cyangwa ibindi bikoresho byo ku mubiri. Twavuga nka cravate, amaherena, amavuta, imibavu ndetse n'imikufi. Gusa aha tukibuka ko bigomba kuba bitarengeje agaciro k'ibihumbi ijana kugirango bigumanwe n'umuyobozi wabihawe.

**Q Ese iyo biri munsi y'ibihumbi ijana atari ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye ntabigumana?**

Icyo gihe bishyikirizwa urwego umuyobozi ahagarariye.

**Q Ese iyo umuyobozi atanze impano, amafranga ava ku ngengo y'Imari y'Ikigo ayobora?**

Iyo umuyobozi atanze impano iri mu zo yemerewe gutanga, amafaranga ava ku ngengo y'imari y'ikigo ayobora.

**Q Ese impano umuyobozi iyo azakiriye azigeza ku biro by'Urwego rw'Umuvunyi?**

Umuyobozi wakiriye impano cyangwa amaturo abishyikiriza biherekejwe n'inyandiko, Urwego, Ikigo cyangwa Serivisi ahagarariye.

Icyakora, mu gihe iyo mpano cyangwa amaturo bidashobora gukoreshwa n'urwego, ikigo cyangwa serivise byahawe, bibishyikiriza Minisiteri cyangwa urwego rufite mu nshingano ibyerekeranye n'imikoreshereze y'iyo mpano cyangwa amaturo bigakoreshwa mu nyungu rusange.

Mu gihe iyo mpano cyangwa amaturo nta Minisiteri cyangwa urwego bifitanye isano itaziguye, bishyikirizwa Minisiteri ifite isanduka ya Leta mu nshingano zayo, imikoreshereze y'izo mpano cyangwa amaturo bishyikirijwe Minisiteri ifite isanduka ya Leta mu nshingano zayo igenwa n'amabwiriza ya

Minisitiri ufite isanduku ya Leta mu nshingano ze.

Urwego rw'Umuvunyi rumenyeshwa mu nyandiko urwego rwashyikirijwe impano cyangwa amaturo afite agaciro karenze ibihumbi ijana by'amafaranga y'u Rwanda (100.000 Frw).

**Q Umuyobozi ashobora gusaba uruhushya rwihariye kugira ngo atange impano?**

Nta ruhushya rwihariye itegeko riteganya ahubwo riteganya ibihe bidasanzwe umuyobozi ashobora kwakira cyangwa gutanga impano. Ni ukuvuga rero ko umuyobzi areba niba igihe agiye gutangamo iyo mpano kiri muri ibyo bihe bidasanzwe itegeko riteganya.

**Q Ni iyihe mpamvu hashyizweho ubu buryo kandi hari igihe umuturage cyangwa undi muntu aha impano umuyobozi yifuza ko ari we uyitunga?**

Ubu buryo bwashyizweho kubera impamvu ebyiri:

- Iya mbere ni ukurinda ko abayobozi bakoresha nabi umutungo wa Leta bakaba bawusesagura mu nyungu zabo bwite, binyuze mu gutanga impano zihenze kandi mu gihe bitari ngombwa.
- Impamvu ya kabiri ni ukurinda ko abayobozi bazajya bakira ruswa bicishijwe mu kubaha impano, bigatuma badatanga serivise neza uko biteganyijwe.

> **"Iyo umuyobozi atanze impano iri mu zo yemerewe gutanga, amafaranga ava ku ngengo y'imari y'ikigo ayobora.**

**Q Ese umuyobozi utubahirije iri tegeko arahanwa?**

Umuyobozi utubahirije ibikubiye muri iri Teka ahanishwa ibihano biteganyijwe mu Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi.

**Q Ese umuyobozi ntiyemerewe no gutanga impano cyangwa kuyakira mu gihe atari mu butumwa bw'akazi?**

Iri Teka n'ibirikubiyemo byose bikurikizwa n'umuyobozi uri mu kazi ntabwo bigera mu bindi bikorwa bye bwite, kubera ko aho Iteka rivuga ko yemerewe gutanga impano, icyo gihe akoresha imari ya Leta kandi ntabwo yakoresha imari ya Leta mu bikorwa bye bwite.

**Q Ni ubuhe butumwa mwaha abasomyi b'Umuvunyi Magazine?**


Ubutumwa naha abasomyi b'Umuvunyi Magazine ni ukumenya itegeko rigena imyitwarire y'abayobozi n'iteka rishyiraho uburyo umuyobozi yakira cyangwa atanga impano n'amaturo. kugirango bamenye ibyo abaybozi bemerewe n'ibyo babujijwe bitume batajya cyangwa ngo bajyane abayobzi mu bikorwa bya ruswa.

Ku birebana n'ibyo tumaze kuganira byo gutanga no kwakira impano nabwira abasoma Umuvunyi Magazine ko hatagira uwirirwa aha Umuyobozi Mukuru impano ashaka kugira izindi nyungu azakuramo kuko umuyobozi atazayitwara ku giti cye kandi n'abayobozi bakamenya ibikubiye muri iri teka bakabyitwararika.

Icyo nasorezaho ni ukumenyesha abantu ko ibi twavuze bireba umuyobozi mu gihe ari mu kazi gusa. Ntabwo bikurikizwa mu gihe umuyobozi ari mu buzima busanzwe bwo mu muryango aho ashobora gutanga no kwakira impano zisanzwe zitangwa mu buzima bwa buri munsi.






MU RWEGO RWO GUKEMURA IBIBAZO BY'ABATURAGE, UMUKOZI W'URWEGO RW'UMUVUNYI YASUYE AKAGARI KA MATOVU YUMVA IKIBAZO CYA KALIMBA NA MATATA.
ZINYEREKE TUZISUZUME
URU RUBANZA NUBWO NDUGARUYE AHA NARATSINZWE, ARIKO REKA MPATIRIZE NDEBE KO....
MUYOBOZI IZO NYANDIKO ZOMBI TUZISINYA TUGURA ICYO KIBANZA HARI N'ABAGABO
URU RUBANZA RWATANGIRIYE HASI MU MUDUGUDU TUGERA NO MU RUKIKO RW'IBANZE NDAMUTSINDA NONE ARUGARUYE AHA....
NIBYO KOKO KALIMBA WOWE IBYO UVUGA BIRIMO UKURI...
NAHO WOWE MATATA, KUKI UTEMERA IMYANZURO Y'URUBANZA KANDI AHO MWABURANIYE HOSE WARATSINZWE?
MUVUNYI RWOSE BARANDENGANIJE KUVA KERA CYANE URUBANZA RWANJYE BARARUMIZE NDASABA KURENGANURWA.






NYAKUBAHWA MUVUNYI DORE NI UYU MUYOBOZI W'AKAGARI KACU URUBANZA RWAPFIRIYEHO.
KANDI RWOSE NAKAGOMBYE KURENGANURWA.
MATATA SI TWE TWAKWICIYE URUBANZA AHUBWO NTUJYA WEMERA GUTSINDWA, NTUJYA UHA AGACIRO IMYANZURO Y'URUBANZA.
MATATA RERO IKI KIBAZO CYAWE NTASHINGIRO GIFITE, AHUBWO NKUGIRIYE INAMA WAREKA GUSIRAGIRA MU NKIKO UGAKORERA URUGO RWAWE.
NDATSINZWE NIBYO.... ARIKO SINSHIZWE NUBWO NAHATAKARIJE IGIHE SINASHOBORA ....! REKANJYE KWIHINGIRA....
BIRACYAZA

Umuvunyi Mukuru, Abavunyi Bungirije,
Umunyamabanga Uhoraho babifurije
Noheli Nziza n'Umwaka Mushya Muhire.

Dukomeze dufatanye mu rugamba rwo
kurwanya akarengane na ruswa




# URWEGO RW'UMUVUNYI
# OFFICE OF THE OMBUDSMAN